REPUBLIKA Y'U RWANDA

Kigali, ku wa 21 JAN 2020
N°.....0189...../07.01

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
B.P 3445 KIGALI
Website: www.minaloc.gov.rw

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;
Bwana Guverineri w'Intara (Bose);
Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose);

Impamvu: Kubagezaho Amabwiriza agenga Amarushanwa KAGAME CUP 2019 - 2020

Bwana Muyobozi w'Umujyi wa Kigali,
Bwana Guverineri,
Madamu/Bwana Muyobozi w'Akarere,

Mpereye ku ibaruwa N° 164/MIN/Sports/2020 yo kuwa 21 Mutarama 2020 nandikiwe na Madamu Minisitiri wa Siporo angezaho amabwiriza agenga Amarushanwa KAGAME CUP 2019 - 2020;

Nejejwe no kubandikira mbagezaho ku mugereka amabwiriza yavuzwe haruguru kugira ngo muyageze ku nzego zose zirebwa n'aya marushanwa mu rwego rwo kwitegura neza no kubahiriza ibikubiyemo.

Nkaba mbasaba kandi kuyageza mu Bigo by'Amashuri ari mu Karere kugira ngo nayo azayagendereho hagamijwe imigendekere myiza y'aya marushanwa.

Icyitonderwa: Imirenge igaragara ku rutonde ruri ku mugereka ntiyemerewe kwitabira amarushanwa uyu mwaka wa 2020 kubera ko yahanwe ku bwo gukinisha abakinnyi batemewe mu marushanwa ya 2019.

Mugire akazi keza

Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri

Bimenyeshejwe:
- Madamu Minisitiri wa Siporo;
- Madamu Minisitiri w'Urubyiruko n'Umuco;
- Bwana Minisitiri w'Uburezi;
- Madamu Minisitiri w'Umuryango n'Uburinganire;
- Madamu Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage;
- Madamu Umuyobozi Mukuru, RGB

KIGALI

URUTONDE RW'AMAKIPE Y'IMIRENGE ATAZITABIRA AMARUSHANWA KAGAME CUP 2019-2020 KUBERA GUKINISHA ABAKINNYI BATEMEWE MU MARUSHANWA YA 2019-2020

S/N	UMURENGE	AKARERE	INTARA/UMUJYI WA KIGALI	UMUKINO/FOOTBALL/BASKETBALL	IMPAMVU
1	MUYUMBU	RWAMAGANA	IBURASIRAZUBA	FOOTBALL/Abakobwa	Gukinisha umukinnyi ukina mu cyiciro cya kabiri cy'umupira w'amaguru mu Rwanda
2	MUGANZA	RUSIZI	IBURENGERAZUBA	Football/ Abahungu	Gukinisha umukinnyi wakinnye mu cyiciro cya kabiri cy'umupira w'amaguru mu Rwanda
3	RAMBURA	NYABIHU	IBURENGERAZUBA	Football/Abakobwa	Gukinisha abakinnyi bafite licence
4	GISENYI	RUBAVU	IBURENGERAZUBA	Football/Abahungu	Gukinisha abakinnyi bafite licence
5	RUBENGERA	KARONGI	IBURENGERAZUBA	Football/ Abakobwa	Gukinisha abanyeshuri n'umukinnyi ufite licence
6	KIVUMU	RUTSIRO	IBURENGERAZUBA	Football/ Abakobwa	Gukinisha umukinnyi ufite Licence yo muri Kongo
7	MUHOZA	MUSANZE	AMAJYARUGURU	Football/Abakobwa	Gukinisha abakinnyi bakiniye indi mirenge
8	MASAKA	KICUKIRO	UMUJYI WA KIGALI	Football/Abagabo	Gukinisha abakinnyi bakiniye indi mirenge
9	TUMBA	HUYE	AMAJYEPFO	Football /Abagabo	Gukinisha abakinnyi bafite licence
10	BUSASAMANA	NYANZA	AMAJYEPFO	Football/Abahungu	Gukinisha abakinnyi bafite licence
11	GATARE	NYAMAGABE	AMAJYEPFO	Foot/Abakobwa	Gukinisha umukinnyi wakinnye mu cyiciro cya kabiri cy'umupira w'amaguru mu Rwanda
12	RURAMBA	NYARUGURU	AMAJYEPFO	Foot /Abakobwa	Gukinisha umukinnyi wakinnye mu cyiciro cya kabiri cy'umupira w'amaguru mu Rwanda
13	GATENGA	KICUKIRO	UMUJYI WA KIGALI	Volley ball/Abagabo	Gukinisha umunyamahanga
14	RUSORORO	GASABO	UMUJYI WA KIGALI	Football/Abakobwa	Gukinisha abakinnyi bafite licence

REPUBLIKA Y'U RWANDA

21 JAN 2020
Kigali.....
Ref ...../MIN/Sports/2020
164

MINISITERI YA SIPORO

- **Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC)**
- **Bwana Minisitiri w'Uburezi (MINEDUC)**

KIGALI

Impamvu: Amabwiriza agenga amarushanwa « KAGAME CUP 2019-2020 »

Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kubandikira mbagezaho amabwiriza agenga Amarushanwa « KAGAME CUP 2019-2020» ku rwego rw'Imirenge no mu Mashuri kugira ngo ashyikirizwe Uturere n'Imirenge yatwo, ndetse amenyeshwe n'amashuri bityo atangire gushyirwa mu bikorwa.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.

Mugire amahoro,

MINISITERI YA SIPORO

Aurore Mimosa MUNYANGAJU
Minisitiri

Bimenyeshejwe
- Madamu Minisitiri, MYCULTURE
- Madamu Minisitiri, MIGEPROF
- Madamu Umuyobozi Mukuru, RGB

KIGALI

AMABWIRIZA AGENGA AMARUSHANWA 'UMURENGE KAGAME CUP' UMWAKA WA 2019/2020

I. INTANGIRIRO

Aya marushanwa yatangiye mu mwaka wa 2006, atangira yitwa **"Amarushanwa y'Imiyoborere Myiza"** agamije kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza.
"Umurenge Kagame Cup" ni amarushanwa ahuza amakipe **y'Umupira w'Amaguru (Football), Volleyball, Basketball, Imikino Ngororamubiri (Athletisme), Sitball n'Umukino w'amagare (Cycling)** y'Imirenge yose yo mu gihugu, agakorerwa muri buri Karere, amakipe ya mbere agakomereza irushanwa ku Ntara n'Umujyi wa Kigali, maze ayarushije ayandi muri buri mukino agahurira mu marushanwa asoza (Finals) ku rwego rw'igihugu.

Mu mwaka wa 2010, mu nama yahuje ubuyobozi bw'iyahoze ari Minisiteri ya Siporo n'Umuco (MINISPOC) na na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), aya marushanwa yahinduye inyito yitwa **"Umurenge Kagame Cup"** mu rwego rwo kugaragaza no gushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME uruhare rwe rukomeye mu miyoborere myiza n'inkunga atanga mu iterambere rya Siporo mu Rwanda no mu karere igihugu cyacu gihereyemo. Muri iyi nama ni naho hafatiwe umwanzuro wo kwagura amarushanwa ku yindi mikino ntabe ay'umupira w'amaguru gusa.

Amarushanwa y' "Umurenge Kagame Cup" yatekerejwe kandi mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza no gutanga amahirwe n'uburyo bwo guhuza abaturage mu Mirenge yabo binyujijwe muri siporo.

Aya marushanwa agira uruhare mu **guteza imbere umuco wo guhiga no kurushanwa** bihereye ku rwego rw'Umurenge no mu mashuri, bityo abafite impano zihariye mu mikino inyuranye bakigaragaza ndetse bakaba bafashwa kuziteza imbere.

Amarushanwa y'uyu mwaka wa 2019/2020 azatangirwamo ubutumwa bukurikira:

1. Kwimakaza imiyoborere twifuza duharanira ko Umuturage aza ku Isonga;
2. Gushishikariza urubyiruko guhanga umurimo, guteza imbere impano zabo no guteza imbere siporo mu Rwanda;
3. Kuganira ku bibazo bikibangamiye umuryango nyarwanda n'imibereho y'Umuturage n'Uruhare rwa buri wese mu kubirwanya no kubikemura.

Uyu mwaka wa 2019/2020, amarushanwa 'Umurenge Kagame Cup' azakomeza gukinirwa mu byiciro bibiri: **Umurenge Kagame Cup** n'**Amashuri Kagame Cup.**

1. **Umurenge Kagame Cup (Abagore n'abagabo).**
   Mu marushanwa 'Umurenge Kagame Cup' 2019/2020 hazakinwa imikino ikurikira: Football, Sitball, Imikino ngororamubiri, Umukino w'amagare, Basketball na Volleyball;
2. **Amashuri Kagame Cup (Abakobwa n'Abahungu).**
   Mu marushanwa 'Amashuri Kagame Cup' 2019/2020 hazakinwa imikino ikurikira: Football, Sitball, Imikino ngororamubiri, Basketball, Volleyball na Handball.

II. INTEGO Y'AMARUSHANWA 'UMURENGE KAGAME CUP'

Intego y'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup ni izi zikurikira:

- Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza harimo gutanga serivisi nk'uwikorera,
- Gukangurira abanyarwanda kugira umuco wo kurushanwa hagamije guteza imbere impano zinyuranye
- Kurushaho gukundisha abaturage aho batuye no guharanira kuhateza imbere.
- Gushishikariza abaturage batuye mu karere kurushaho kunoza imiyoborere myiza binyuze muri siporo hagamijwe kugira ubuzima bwiza n'imibereho myiza.
- Gutanga ubutumwa kuri gahunda za Leta ku byiciro byitabiriye, hibandwa ku kurwanya umwanda, imirire mibi, ibiyobyabwenge, ihohotera mu ngo muri rusange n' ikibazo cy'abangavu baterwa inda z'imburagihe;

Icyitonderwa: Izi ntego zigomba gusobanurirwa abakinnyi n'abaturage bitabiriye amarushanwa mbere y'uko imikino itangira.

INZEGO ZIFITE URUHARE MU GUTEGURA NO GUKURIKIRANA AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2019/2020

Ku rwego rw'Igihugu:

Amarushanwa azakurikiranwa n'izi nzego zigize Steering Committee: MINALOC, MINISPORTS, MINEDUC, MIGEPROF, MYCULTURE, RGB, NYC, NWC na NCPD.

Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali

Komisiyo itegura aya marushanwa igizwe n'aba bakurikira:

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara /Umujyi wa Kigali (Umuyobozi)
- Umuyobozi ushinzwe imiyoborere n'imibereho myiza mu Ntara n'Umujyi wa Kigali
- (Umwanditsi);
- Umujyanama w'Intara mu by'amategeko
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga;
- Abahagarariye inzego z'umutekano;
- Undi wese Intara cyangwa Umujyi wa Kigali wakwifashisha

Ku rwego rw'Akarere, Komisiyo igizwe n'aba bakurikira:

- Umuyobozi w'Akarere (Umuyobozi);
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere (Umuyobozi wungirije)
- Abahagarariye inzego z'Umutekano;
- Umuyobozi ushinzwe uburezi;
- Umuyobozi w'ishami ry'imiyoborere myiza (umwanditsi)
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga;
- Umukozi ushinzwe siporo n'umuco;
- Umukozi ushinzwe uburinganire n'iterambere ry'umuryango;
- Ishyirahamwe rishinzwe uwo mukino;
- Undi wese wakwifashishwa n'Akarere.

III. AMABWIRIZA Y'IBANZE AZAFASHA IMIGENDEKERE MYIZA Y'AMARUSHANWA

1. Imikino y'amajonjora izatangirira mu mirenge yose igize igihugu uko ari 416 (abagabo/abagore);
2. Uwemerewe gukina aya marushanwa agomba kuba:
   - ✓ Afite indangamuntu y'u Rwanda;
   - ✓ Kuba agaragara ku rutonde rwashyizweho umukono n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;
   - ✓ Umunyamahanga ukorera cyangwa utuye mu gihugu mu buryo bwemewe n'amategeko afite icyangombwa cyibigaragaza cyatanzwe n'urwego rubishinzwe;
   - ✓ Nta mpunzi yemerewe gukina aya marushanwa.
3. Nta mukinnyi wemerewe gukinira Umurenge /Akarere urenze umwe muri aya marushanwa;
4. Buri murenge usabwe gutegura no kohereza urutonde rw'abakinnyi bawo, rwashyizweho umukono n' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Umurenge, rukagenzurwa kandi rukemezwa n'Akarere n'Intara/Umujyi wa Kigali. Intara/Umujyi wa Kigali yoherereza urwo rutonde RGB, Intara/Umujyi wa Kigali kandi ikagenera Kopi y'urwo rutonde MINALOC na MINISPORTS n'ishyirahamwe ry'uwo mukino. Urwo rutonde ruriho amazina y'umukinnyi, indangamuntu, numero yayo n'ifoto bya buri mukinnyi, ni rwo ruzakurikizwa kugeza amarushanwa arangiye, kandi buri Murenge ugomba kohereza na *'soft copy'* y'urwo rutonde;
5. Umurenge/Akarere utazohereza urwo rutonde mu gihe cyagenwe, uzafatwa nk'uwikuye mu marushanwa kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo asabwe ibisobanuro;
6. Amarushanwa 'Umurenge Kagame Cup' akinwa n'abantu bafite imyaka 18 kuzamura mu bagabo no mu bagore;
7. Nta munyeshuri wo mu mashuri abanza, ayisumbuye, amashuri makuru na kaminuza wemerewe gukina aya marushanwa;
8. Mbere y'uko umukino utangira, buri mukinnyi agomba kugaragaza ibimuranga (byavuzwe mu ngingo ya gatatu) bigahuzwa n'urutonde ruzaba rwaratanzwe mbere;

9. Ku rwego rw'Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali, uwakiriye umukino ategura ibikenewe byose kugirango umukino ugende neza. Urugero: ikibuga, indangururamajwi, ibiranga insanganyamatsiko n'ibindi...
10. Buri karere kazagena amatsinda hakurikijwe imirenge ikagize. Amatsinda azashyirwaho mu rwego rwo kwihutisha aya marushanwa kandi mu gihe cyagenwe;
11. Komisiyo zishinzwe amarushanwa ku rwego rw'Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'igihugu zizajya ziteganya abashinzwe umutekano n'ubutabazi bw'ibanze ku bibuga byose biberaho imikino. Mu gihe abashinzwe umutekano n'ubutabazi badahari, umukino ntuzaba kandi ikipe yakiriye uwo mukino izahanishwa guterwa mpaga;
12. Ikibuga kiri bubereho umukino kizajya kigenwa na komisiyo ishinzwe gutegura amarushanwa kuri urwo rwego;
13. Amakipe ari bukine, agomba kugera ku kibuga isaha imwe (1) mbere y'uko umukino utangira. Ikipe izakererwa iminota mirongo itatu (30) nyuma y'igihe umukino wagombaga gutangirira nta mpamvu igaragara yatanzwe kandi yamenyeshejwe abashinzwe gutegura amarushanwa, izajya iterwa mpaga. Abashinzwe gutegura imikino kuri buri rwego bazajya bagenzura impamvu zatanzwe zatumye ikipe itinda kuhagera mbere yo gufata icyemezo;
14. Igihe umukino wahagaze kubera impamvu zumvikana, umukino uzajya ukomeza bahereye ku munota wari ugezeho n'ibitego byatsinzwe;
15. Igihe umukino wasubitswe kubera impamvu zatangiwe ibisobanuro mu nyandiko umukino uzajya ukinwa mu gihe kitarenze iminsi itatu (3);
16. Muri iyi mikino, ku rwego rw'Akarere hazajya haba umukino umwe gusa (*aller simple/ knock out*), hakomeze ikipe yatsinze, naho imikino yo ku rwego rw' Intara n'Umujyi wa Kigali izakinwa ku buryo bw'umukino ubanza n'uwo kwishyura (*Aller & retour);*
17. Imirenge izagaragaraho uburiganya, gukinisha abakinnyi batujuje ibisabwa cyangwa banyuranije n'ibikubiye muri aya mabwiriza, izahanishwa gukurwa mu marushanwa ndetse n'umuyobozi w'urwego imikino yabereyeho abihanirwe nk'amakosa y'imyitwarire mibi itabereye umuyobozi;
18. Umunyeshuri uzagaragarwaho gukina mu byiciro byombi (Umurenge Kagame Cup n'Amashuri Kagame Cup) azakurwa mu marushanwa yombi;
19. Intara /Umujyi wa Kigali yatwaye igikombe cy'amarushwanwa y'umwaka urangiye wa (2018/2019) izahabwa amahirwe yo guhagararirwa n'amakipe abiri ya mbere mu rwego rwo kwirinda igiharwe mu makipe agera ku rwego rw'Igihugu, hakabaho tombola y'uburyo azahura;
20. Abasifuzi bazifashishwa ku rwego rw'igihugu bazajya bagenwa n'amashyirahamwe nyarwanda y'imikino (sports federations) irebwa n'amarushanwa 'Umurenge Kagame Cup'.

IV. AMABWIRIZA Y'INGENZI AZAGENGA UMUPIRA W'AMAGURU

1. Buri Murenge usabwe gutegura no kohereza urutonde rw'abakinnyi bawo mirongo itatu (30) b'abagabo n'urutonde rw'abakinnyi bawo mirongo itatu (30) b'abagore bazawuhagararira mu mupira w'amaguru;

2. Umukinnyi wakinnye mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri mu shampiyona y'u Rwanda cyangwa shampiyona yo mu kindi gihugu nyuma y'umwaka w'imikino wa 2016/2017 ntabwo yemerewe kwitabira aya amarushanwa. Kugenzura niba iyi ngingo yubahirizwa bizajya bikorwa n'abajyanama ba tekinike b'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda FERWAFA bakorera ku Ntara n'Umujyi wa Kigali;

3. Umukino w'umupira w'amaguru uzajya umara igihe cy'iminota 90 (45x2) hongeweho iminota 15 y'ikiruhuko ku bagabo, naho ku bagore umukino uzajya umara iminota 60 (30x2) hongerweho iminota 15 y'ikiruhuko. Mu gihe umukino urangiye amakipe anganyije, hazajya hitabazwa za penaliti, nta minota y'inyongera izajya ishyirwaho;

4. Mu mikino y'amajonjora, umukino wabaye ugomba kuyoborwa nibura n' abasifuzi 3 kandi babihuguriwe badaturuka mu Mirenge yakinnye. Abo basifuzi bazajya bashakwa na komisiyo ishinzwe aya marushanwa iri ku rwego rw'Akarere;

5. Kuri buri mukino, hemewe gusimbura abakinnyi batarenze 7 mu kibuga kuri buri kipe. Umukinnyi wasimbuwe ntiyemerewe kugaruka mu kibuga;

6. Ibindi byose bitagaragara hano hazifashishwa amategeko agenga amarushanwa muri FERWAFA.

V. AMABWIRIZA Y'INGENZI AZAGENGA IMIKINO NGORORAMUBIRI

Buri Murenge uzaba ufite amakipe abiri (abagabo n'abagore), bakazarushanwa mu byiciro bikurikira:

- Metero 100 mu kibuga (bose);
- Metero 400 mu kibuga (bose);
- Metero 1500 mu kibuga (abagore n'abagabo);
- Km 10 mu muhanda (abagore);
- Km 15 mu muhanda (abagabo).

a) Ku rwego rw'Akarere

Umubare w'abazahagararira Umurenge n'intera bazasiganwa bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Intera bazasiganwa	Umubare w'bagabo bazahagararira umurenge	Umubare w'abagore bazahagararira umurenge
100m	**5**	**5**
400m	**5**	**5**
1500m	**5**	**5**
10km	**-**	**10**

15km 10 -

b) Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali

Buri Karere kazatoranya abazaba barushije abandi, bazarushanwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, imibare y'abazaturuka muri buri karere ni iyi ikurikira:

Intera bazasiganwa	Umubare w'bagabo bazahagararira Akarere	Umubare w'abagore bazahagararira Akarere
100m	5	5
400m	5	5
1500m	5	5
10km	-	10
15km	10	-

c) Ku rwego rw'Igihugu

Buri Ntara izatoranya abazaba barushije abandi, bazarushanwa ku rwego rw'igihugu. Imibare y'abazaturuka muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali n'intera bazasiganwa bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

Intera bazasiganwa	Umubare w'bagabo bazahagararira Intara / Umujyi wa Kigali	Umubare w'abagore bazahagararira Intara/ Umujyi wa Kigali
100m	5	5
400m	5	5
1500m	5	5
10km	-	10
15km	10	-

Icyitonderwa: Nta mukinnyi usanzwe abarizwa mu ikipe igize ishyirahamwe ry'imikino ngororamubiri mu Rwanda (RAF) wemerewe kwitabira aya marushnwa. Ibindi byose bitagaragara hano hazifashishwa amategeko agenga amarushanwa muri RAF

VI. AMABWIRIZA Y'INGENZI AZAGENGA UMUKINO WA SITBALL

1. Bitewe n'umubare muto w'abafite ubumuga, bitewe kandi n'uko umukino wa Sitball utaramenyekana cyane, buri Karere kazatoranya amakipe azagahagararira (mu bagabo no mu bagore), amarushanwa akazakomereza ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rwego rw'igihugu;

2. Umukinnyi ukina muri shampiyona itegurwa n'Ishyirahamwe ry'imikino y'abafite ubumuga mu Rwanda (NPC), ntiyemerewe kwitabira aya marushanwa. NPC Rwanda izafasha mu bugenzuzi bugamije iyubahirizwa ry'ibukubiye muri iyi ngingo;

3. Sitball izakinwa gusa n'abantu bafite ubumuga kandi bafite imyaka 18 kuzamura mu bagabo no mu bagore;

4. Ibindi byose bitagaragara hano hazifashishwa amategeko agenga amarushanwa muri NPC.

VII. AMABWIRIZA Y'INGENZI AZAGENGA BASKETBALL NA VOLLEYBALL

1. Amarushanwa y' amajonjora azatangirira mu turere twose tugize igihugu uko ari 30 mu bagabo no mu abagore;
2. Buri karere kagomba gutegura no gutanga urutonde rw'abakinnyi b'ikipe y'Akarere batarenze nibura cumi na batanu (15) mu bagabo na cumi na batanu (15) mu bagore.
3. Umukinnyi wese ukina muri shampiyona zitegurwa na FERWABA na FRVB; ntiyemerewe gukina aya marushanwa;
4. Umukino wa Basketball uzajya ukinwa iminota 40 igabanyijemo uduce (*quarters*) tune tw'iminota icumi buri kamwe (10min x4), mu gihe muri Volleyball ho amakipe azajya atanguranwa gutsinda amaseti 3 (*best of five*);
5. Mu mikino y'amajonjora, umukino wabaye ugomba kuyoborwa n'abasifuzi bemewe na FERWABA na FRVB;
6. Ibindi byose bitagaragara hano hazifashishwa amategeko agenga amarushanwa muri FERWABA na FRVB.

VIII. AMABWIRIZA Y'INGENZI AZAGENGA UMUKINO W'AMAGARE

Kuri buri rwego isiganwa rizabera ku muhanda ufite uburebure bwa Km 25 ku bagore na Km 35 ku bagabo mu buryo bwo kuzenguruka ahantu hamwe inshuro nyinshi (circuit). Byaba byiza hakoreshejwe umuhanda w'igitaka gusa.

a) Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali:

1. Hazarushanwa abahagarariye Akarere, aho buri mukinnyi azasiganwa ku giti cye, hakazahembwa uwakoresheje ibihe bito. Abakinnyi icumi (10) ba mbere ku rwego rw'Akarere ni bo bazahagararira Intara /Umujyi wa Kigali ku rwego rw'igihugu;

2. Ikipe y'Akarere izaba igizwe n'abagabo 10, n'abagore 10;
3. Amarushanwa yo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali azayoborwa n'ubuyobozi bw'Intara bufatanije n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'amagare mu Rwanda (FERWACY) n'izindi nzego zateganijwe.

b) Ku rwego rw'Igihugu

1. Kuri uru rwego isiganwa rizabera ku muhanda ufite uburebure bwa Km 25 ku bagore na Km 35 ku bagabo;
2. Irushanwa ku rwego rw'igihugu rizategurwa na MINALOC, MINISPORTS, RGB bafatanije n'Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda (FERWACY).
3. **Ibirebana n'abazasiganwa**

Uzemererwa kwitabira irushanwa agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kwemera gukurikiza amategeko agenga irushanwa;
- Kuba afite hagati y'imyaka 17 na 22;
- Gusiganwa akoresheje igare risanzwe (*single speed*) kandi rizima;
- Kuba atabarizwa mu ikipe (club) iri muri FERWACY.

4. Usiganwa wese agomba kwambara inomero imuranga itangwa n'abateguye isiganwa, akayambara atangira kugeza arangije. Agomba kandi kuba yambaye inkweto zifunze neza n'ingofero yabugenewe (casque);
5. Ikimenyetso gitangiza isiganwa gitangwa hamaze kugenzurwa ko ibisabwa byose ngo isiganwa ribe, niba biri mu buryo;
6. Ibiribwa n'ibinyobwa bihabwa abakinnyi mu isiganwa bizatangwa hakurikijwe amategeko agenga amasiganwa ku magare, abakinnyi n'abatoza bakazabanza kuyamenyeshwa mbere y'uko isiganwa ritangira;
7. Usiganwa agomba kurangiza urugendo rwateganijwe, bitaba ibyo akaba atsinzwe, agakurwa mu irushanwa;
8. Umukinnyi wese uzitabira ayo marushanwa agomba kurangwa n'ikinyabupfura muri bagenzi be, abayobozi no mu baje kureba isiganwa;
9. Ikipe y'Akarere igizwe n'abakinnyi 6 b'abagore na 6 b'abagabo akaba aribo bitabira amarushanwa yo ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;
10. Umukinnyi wa mbere ageze ku murongo barangirizaho, abandi bazategerezwa iminota 45. Abazaza nyuma y'icyo gihe bazafatwa nk'abatarangije irushanwa;

11. Isiganwa ry'icyiciro cy'abagabo rizatangizwa nyuma y'iminota 20 iry'icyiciro cy'abagore ritangiye;

12. Kuri buri rwego rw'amarushanwa hazateganywa abagenzuzi bakurikira:

- Umuyobozi w'isiganwa (Directeur de la course).
- Abanditsi (Secretaires).
- Aberekana inzira (Jalonneurs).
- Abareba uko abarangije isiganwa bakurikiranye (Juges à l'arrivée)
- Ababazi b'ibihe (Chronometreurs).
- Abatanga ibinyobwa n'ibiribwa (Ravitailleurs);

13. Azakurwa mu irushanwa Umukinnyi uzakora amakosa akurikira:

- Uzasunikwa n'umuntu cyangwa agakururwa n'ikinyabiziga.
- Uzabangamira bagenzi be agamije kubagusha.
- Uzanyura inzira y'ubusamo.
- Uzasimburwa n'undi mukinnyi.
- Utazarangiza urugendo ruteganijwe.

14. Umugenzuzi ubonye ikosa abimenyesha uyoboye isiganwa (Directeur de la course). Icyemezo cy'igihano gifatwa n'akanama nkemurampaka (Jury d'appel), bikamenyeshwa uwakoze ikosa n'uhagarariye ikipe ;

15. Akanama nkemurampaka (Jury d'appel) kagizwe n'umuyobozi w'isiganwa, uhagarariye ubuyobozi bw'aho irushanwa ryabereye n'uhagarariye FERWACY. (Igihe bari mu bayoboye isiganwa);

16. Mu gihe cy'isiganwa amategeko y'umuhanda akomeza kubahirizwa.

17. Abazagenwa na FERWACY kujya gufasha mu marushanwa yo ku rwego rw'Akarere n'urw'igihugu bazagenerwa amafaranga y'urugendo n'ayimpamba n'inzego zihagarariye iryo rushanwa;

18. Abayobozi bo ku rwego amarushanwa yabereyeho bazajya bamenyesha abashinzwe umutekano wo mumuhanda, n'abashinzwe urwego rw'ubuvuzi amarushanwa ateganijwe; kandi bazajya baha raporo y'imigendekere y'amarushanwa urwego rw'ubuyobozi rwisumbuye;

19. Ibidateganijwe muri aya mabwiriza hazajya hifashishwa amategeko agenga siporo muri rusange n'umukino w'amagare by'umwihariko.

IX. ABAYOBOZI BATANGA UBUTUMWA BAKANATANGIZA AMARUSHANWA

Mu gihe imirenge izaba iri kurushanwa hagamijwe gushaka umurenge uzahagararira akarere, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wakiriye amarushanwa agomba kuba ahari kandi agatanga ubutumwa bugenewe abitabiriye amarushanwa.

Mu gihe Amakipe y'Imirenge ahagarariye Akarere yahuye, Umuyobozi w'Akarere wakiriye cg se undi yagena uri ku rwego rw'ubuyobozi niwe utanga ubutumwa bugenewe abitabiriye amarushanwa kandi akaba ari nawe utangiza umukino.

Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, amarushanwa azajya atangizwa ku mugaragaro na Guverineri w'Intara /Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa n'undi yagena wamuhagararira kandi agatanga ubutumwa.

Ku rwego rw'igihugu, umukino utangizwa n'abayobozi bakuru kandi bagatanga n'ubutumwa.

X. KOMITE NKEMURAMPAKA MU MARUSHANWA 'UMURENGE KAGAME CUP 2019/2020'

- Ku rwego rw'Igihugu, hashyizweho Komite nkemurampaka ishinzwe kwakira, gukemura ibibazo byagaragaye mu marushanwa ahuza amakipe ahagarariye Intara n'Umujyi wa Kigali, ndetse no gutanga ibihano. Komite igizwe n'abakozi baturuka mu nzego zikurikira: MINALOC (Umuyobozi), MINISPORTS, RGB (Umwanditsi) n'abandi bakwiyambazwa hashingiwe ku bunararibonye mu mukino wajemo ibibazo.

- Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, hashyizweho Komite nkemurampaka ishinzwe kwakira no gukemura ibibazo byagaragaye mu marushanwa ahuza amakipe ahagarariye Uturere tugize Intara n'Umujyi wa Kigali no gutanga ibihano hakurikijwe ibyo aya mabwiriza ateganya. Komite igizwe n'aba bakurikira: Guverineri w'Intara n' Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali (Umuyobozi wa Komite), umuyobozi w'ishami ry'imiyoborere myiza mu Ntara n'Umujyi wa Kigali (umwanditsi), inzego z'umutekano mu Ntara n'Umujyi wa Kigali n'undi wese Intara cyangwa Umujyi wa Kigali wakwifashisha mu gukemura ikibazo;

- Ku rwego rwa buri Karere, hashyizweho Komite nkemurampaka gashinzwe kwakira no gukemura ibibazo byagaragaye mu marushanwa ahuza amakipe ahagarariye Imirenge igize Akarere no gutanga ibihano hakurikijwe ibyo aya mabwiriza ateganya. Komite igizwe n'aba bakurikira: Umuyobozi w'Akarere (Umuyobozi wa Komite), abagize inzego z'umutekano, umuyobozi w'ishami ry'imiyoborere myiza (umwanditsi), undi wese akarere kakifashisha mu gukemura ikibazo.

- Mu gihe havutse amakimbirane hagati y'amakipe y'Imirenge, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ufite ikibazo **niwe wenyine** ufite ububasha bwo kwandikira Komite nkemurampaka ku rwego rw'Akarere. Mu gihe amakimbirane ari hagati y'amakipe ahagarariye Uturere, Umuyobozi w'Akarere ni we wandikira Komite nkemurampaka ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ndetse no ku rwego rw'Igihugu.

- Ikirego kigomba gutangwa mu masaha 24 y'akazi, abarwa uhereye igihe umukino warangiriye;

- Abagize Komite nkemurampaka kuri buri rwego bamenyesha urwego rwatanze ikirego mu nyandiko cyangwa mu bundi buryo icyemezo cyafashwe nibura mu minsi ibiri.

XI. GAHUNDA Y'AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2019/2020

Tariki ya 01/02/2020: Gutangira ku mugaragaro amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup mu Mirenge yose 416 (Gore/Gabo).

a) Amarushanwa ku rwego rw'Akarere:

Amarushanwa azatangira tariki ya 01/02/2020 kugeza tariki ya **31/03/2020**. Kuri iyo tariki buri Karere kazaba gafite ikipe y'Umurenge ugahagarariye.

b) Amarushanwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali:

Kuva tariki 01/04/2020 kugeza tariki ya 10/05/2020. Buri Ntara n'Umujyi wa Kigali bizaba bifite amakipe ayihagarariye.

c) Amarushanwa ahuza Intara n'Umujyi wa Kigali

Amarushanwa azatangira tariki ya 11/05/2020 arangire tariki ya 31/05/2020

d) Gusoza Imikino y'Umurenge KAGAME Cup 2019-2020

Biteganijwe ko imikino isoza (finals) izakinwa tariki ya 07/06/2020.

XII. INGENGO Y'IMARI N'IBINDI BITEGANYWA

- Ibizakenerwa byose muri aya marushanwa ku rwego rw'Imirenge n'Akarere bizatangwa na buri Karere;
- Ibizakenerwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali: Bizatangwa n'Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali;
- Ibizakenerwa ku rwego rw'Igihugu bizatangwa na MINALOC, MINISPORTS, MYCULTURE, MIGEPROF, MINEDUC, RGB, REB, FERWAFA, RAF, NPC, FERWACY, FERWABA, FEDERATION RWANDAISE DE VOLLEY BALL, FEDERATION RWANDAISE DE BASKETBALL n'abandi bafatanyabikorwa bandi baboneka;

- Transport y'amakipe azagera ku rwego rw'Igihugu izatangwa n'Akarere.

XIII. INGINGO ZISOZA

Komisiyo ya buri rwego rushinzwe gutegura amarushanwa, irasabwa kujya itanga raporo muri RGB buri cyumweru igaragaza uko imigendekere y'amarushanwa yagenze kuri buri mukino, hagatangwa kopi kuri Minisiteri zikurikira: MINALOC, MINISPORTS, MINIYC, MIGEPROF, NYC na NWC.

Ku zindi ngingo zitavuzwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amategeko y' Ishyirahamwe rishinzwe uwo mukino mu Rwanda.

AMASHURI KAGAME CUP 2019-2020

Amabwiriza agenga Amashuri Kagame Cup 2019-2020

- ✓ Aya marushanwa y'amajonjora azatangirira mu mashuri yisumbuye yose mu gihugu;
- ✓ Abanyeshuri bazakira copa coca cola ntibemerewe gukina AKC2019-2020;
- ✓ Uzitabira amarushanwa agomba kuba ari umunyeshuri. Uwemerewe kwitabira aya marushanwa agomba kugaragaza ikarita y'ishuri yigamo;
- ✓ Urutonde rw'abakinnyi rugomba kuba rusinyweho n'Umuyobozi w'Ishuri;
- ✓ Buri kigo cy'ishuri kigomba kuba cyagejeje ku buyobozi bwa ASS y'Akarere urutonde rw'abakinnyi n'ifoto rusange y'ikipe mbere y'ukoikigo gikina umukino wa mbere;
- ✓ Ishuri rizazamuka mu marushanwa yo ku rwego rwisumbuye rizakinisha abakinnyi ryatangiranye imikino y'amajonjora;
- ✓ Abazagaragaraho kuba bakinishije abatemewe cyangwa banyuranije n'ibikubiye muri aya mabwiriza bazahanishwa gukurwa mu marushanwa;
- ✓ Hazajya hazamuka ikipe ya mbere muri buri mu cyiciro, ni ukuvuga ko hazamuka ikipe y'abahungu n'iy'abakobwa azakomeze kugeza ku rwego rw'Igihugu;
- ✓ Buri ASS izagena amatsinda [Zones cyangwa Poules) hakurikijwe Imirenge igize Akarere ndetse n'amashuri gafite. Komite ya ASS y'Akarere niyo ishinzwe gutunganya no kuyakurikirana;
- ✓ ASS ku rwego rw'Akarere ziteganya abashinzwe umutekano n'ubutabazi bw'ibanze ku bibuga byose biberaho imikino;
- ✓ Ikibuga kizajya gikinirwaho kizagenwa na ASS y'Akarere;
- ✓ Amakipe akina agomba kugera ku kibuga isaha imwe mbere y'uko umukino utangira;
- ✓ Ikipe ikererewe iminota mirongo itatu irenze nyuma y'igihe umukino ugomba gutangirira nta mpamvu igaragara yatanzwe, izajya iterwa mpaga. Abashinzwe gutegura imikino kuri buri rwego bazajya bagenzura impamvu zatumye ikipe itinda kuhagera mbere yo gufata icyemezo;
- ✓ Igihe umukino wasubitswe kubera impamvu zatangiwe ibisobanuro mu nyandiko, umukino uzajya ukinwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7);
- ✓ Guhera ku mikino izahuza Uturere kugeza ku mikino ya nyuma ku rwego rw'Igihugu izategurwa inagenzurwe na Federation ya siporo mu mashuri(FRSS).

N.B: Aya mabwiriza azuzuzwa n'amategeko yihariye ya buri mukino yatanzwe n'abashinzwe siporo mu mashuri.

1. Amarushanwa Amashuri Kagame Cup 2019-2020

- Tariki ya 02/02/2020: Gutangiza amarushanwa y'Amashuri Kagame Cup
- Tariki ya 14/06/2020: Gusoza amarushanwa

NB:

- Buri rwego rw'Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali na Federation ya sport mu mashuri barasabwa gukora gahunda y'uburyo amakipe azajya ahura, mu rwego rwo gufasha Abayobozi ku rwego rw'Igihugu kuza gukurikirana amarushanwa.
- Muri aya marushanwa, hahembwa amakipe atatu ya mbere mu bagore no mu bagabo.

XIV. UBURYO AMAJONJORA AZAKORWA

1. KU RWEGO RW'AKARERE

Hazakoreshwa amajonjora mu matsinda atandukanye hakurikijwe umubare w'Imirenge Akarere gafite, hatangwa amanota hazafatwe uwa mbere ufite amanota menshi ariwe uzakomeza ahura n'undi watsinze kugeza hagaragaye Umurenge wa mbere ku rwego rwa buri Karere;

Ikindi mu gutegura amajonjora, Komisiyo y'Akarere, ishingiye ku mubare w'Imirenge y'Akarere gafite, yakwifashisha ingero zikurikira zizakoreshwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali mu gutegura uko bazajya bahura bifashishije ababimenyereye mu kubitegura.

2. AMARUSHANWA KU RWEGO RW'INTARA, UMUJYI WA KIGALI NO KU RWEGO RW'IGIHUGU

a) Ku Rwego rw'Intara n'Umujyi, abagize Komite itegura amarushanwa bategura inama itumirwamo abahagarariye buri Karere, bagakora tombola y'uburyo bazahura, bakemeranywa igihe n'ikibuga bazakiniraho;

b) Ku rwego rw'Igihugu, Abayobozi bashinzwe Imiyoborere ku Ntara n'Umujyi wa Kigali, batumirwa mu nama tekiniki yo ku rwego rw'Igihugu, bagatombora uko Intara n'Umujyi wa Kigali zizahura, bakemeranywa no ku bibuga bizakoreshwa.

Bikorewe i Kigali, kuwa 20/01/2020

Aurore Mimosa MUNYANGAJU
Minisitiri wa Siporo

MINISITERI YA SIPORO